# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME

## INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU MATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI N'URUGAMBA RWO KUYIHAGARIKA

**Inteko Ishinga Amategeko**

**Kigali, 22 Gicurasi 2026**

**Banyamuryango ba Unity Club Intwararumuri,**

**Bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,**

**Batumirwa bahire,**

Mwiriwe neza!

- Iyo umuntu asuye urwibutso rw'amateka yo guhagarika Jenoside, tukareba n'ibiganiro byaduteranyirije hano uyu munsi, umuntu yumva afite byinshi yibaza mu mutima.
- Abaza kutuganiriza baratwibutsa bimwe mu by'ingenzi byaranze urugendo twakoranye nk'abanyamuryango ba Unity Club, ndetse binashushanya ubumwe, ubuvandimwe n'igihango dufitanye.
- Turanaganira ku cyatugejeje mw'icuraburindi, tubura imbaga y'abacu, cyangaaza abana b'u Rwanda abandi kibaheza ishyanga. Ariko ikiruta byose, turi hano twahisemo gushyira hamwe ngo dukorere urwatubyaye ndetse turakomeje.
- Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ntibisigana no kuzirikana urugamba rwo kuyihagarika.
- Abacu twabuze, n'ingabo zacu zitanze, batuye imitima yacu iteka! Abagiye bose dufitanye igihango gikomeye, cyo gukomera kuri uru Rwanda, batabonye.
- Unity Club ni umuryango twahuriyemo tukirwana no kongera kubaka igihugu cyacu, komora abantu no gushakisha uko baramuka, bagashira impumu y'inabi bari bamaze kubamo. Hari ubwo ubwenge bw'umuntu butabasha kubihuza neza ukibaza uti **ziriya mbaraga zavaga he?**

**Bavandimwe,**

- Uyu mwaka umuryango Unity Club Intwararumuri urizihiza imyaka 30 umaze ushinzwe. Hari benshi mu ntwararumuri binjiye mu nshingano z'ubuyobozi igihugu kikiri mu bihe bitoroshye byo guhangana n'ibikomere bitandukanye Jenoside yakorewe Abatutsi yadusigiye.
- Buri wese afite urugendo rwe rwihariye rw'uko yanyuze muri ayo mateka haba mbere ya Jenoside, muri Jenoside, mu rugamba rwo kuyihagarika ndetse n'amateka yo kubohora igihugu. Ariko twese hamwe duhurira ku rugendo rwo kongera kubaka u Rwanda.
- Uru rugendo n'ibi biganiro bisubiza umuntu gutekereza cyane, ukumva ukora bike ukurikije ibyo ufite.
- Guteranira muri iyi nyubako y'Inteko Ishinga Amategeko bifite igisobanuro gikomeye. Mu myaka 32 ishize hari mu harashwe ibisasu bikomeye, byari bigamije kuyisenya, ariko cyane cyane byari bigamije kurimbura abari bayirimo.
- Aha hantu habitse amateka y'icuraburindi, ariko hanabitse amateka y'icyizere cyo kongera kubaho. Hatwibutsa uko u Rwanda rwageze ahabi cyane, ariko hakanatwibutsa ko rwagize abatabazi barurwaniye, bakarurinda kuzima, bakarwubaka bundi bushya.
- Ukurikije igihe Jenoside yateguwe, ubukana n'ubugome ndengakamere yakoranywe, imiryango mpuzamahanga n'ibihugu bikomeye birebera, umuntu yibaza iyo Inkotanyi zidafata umwanzuro ukomeye wo kuyihagarika, no kubohora igihugu, uko byari kugenda.

- Ibi rero ni ibigaragaza ko n'ubu ari twebwe tugomba kwirwanirira, cyane cyane muri iyi si ihindagurika buri munsi!
- Nta kindi twabona duha Inkotanyi zemeye guhangana n'ibyo byose, kandi zikabitsinda uretse guhora tuzishimira. Byasaga n'ibidashoboka mu maso ya benshi, ko u Rwanda rwongera kubaho, kubera uko rwari rwarasenyutse mu mpande zose. **Mwarakoze Nkotanyi.**

**Batumirwa bacu,**

- Nk'abari mu nshingano z'ubuyobozi ndetse n'abagize uruhare mu rugendo rwo kubaka igihugu, kimwe mu byo dukwiye kwitaho cyane, ni ugukomeza gushakisha icyakomeza ubumwe bw'Abanyarwanda dushinzwe, kandi tukabikorana ubushishozi.
- Iyo twitegereje imvugo z'urwango zigenda zongera kumvikana, hirya no hino ku isi no mu karere kacu, umuntu yibaza niba koko amateka hari icyo yatwigishije.
- Twe Abanyarwanda, ibi ntitwabirebera kure, ngo tubifate nk'ibitagira aho bihuriye natwe. Tuzi neza aho urwango rushobora kugeza igihugu.
- Ingengabitekerezo ya Jenoside imeze nk'urwiri mu murima. Iyo utaruranduranye n'imizi rurongera rukamera rugakomeza kwangiza. Ingengabitekerezo nayo ni uko.
- Hari amagambo, inyandiko, n'ibitekerezo bikomeje gukwirakwizwa bigamije kugoreka amateka, gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa gutesha agaciro urugamba rwo kuyihagarika.

- Nk'abakuru babaye muri aya mateka rero dufite inshingano ebyiri zikomeye.
- Icya mbere ni ugukomeza kuvuga ukuri no kukwigisha. Aya mateka ntabwo ari ay'abarokotse Jenoside cyangwa abayabayemo gusa; ni amateka y'Igihugu cyacu.
- Icya kabiri ni ugukomeza kubaka urufatiro rukomeye, ruzatuma n'ibisekuru bizaza bizasanga u Rwanda rwunze ubumwe, rufite amahoro, ruyobowe neza kandi rufite agaciro ku isi.
- Amateka atwereka ko amacakubiri atangirira mu miyoborere mibi no mu nyigisho z'urwango ariko twanabonye itandukaniro igihe ubuyobozi bushyize imbere ubumwe no gukorera umuturage.
- Imikorere myiza inoze no kuba inyangamugayo, ni rwo rukingo rwo gukumira no kurwanya itonesha rishingiye ku moko n'ibindi byose byazana amacakubiri.
- U Rwanda rw'Abanyarwanda bose ntabwo rwaje ruturutse ahandi, kurwubaka nabyo ntabwo byakozwe n'abandi. **Twararwubatse. Turanakomeje.**
- Nk'abayobozi, dukwiye guhora twibaza tuti: ese turi gukora ibihagije mu kurwanya ibishaka gusenya ibyo twubatse? Ese turatanga urugero rutuma urubyiruko rukomeza kubona aho rwubakira ejo hazaza?
- Twatekereje kugira uyu mwanya wo kuganira nk'abanyamuryango ba Unity Club kugira ngo twongere twikebuke, turebere hamwe aho duhagaze nk'umuryango ariko na buri wese ku giti cye.

- Mu nshingano umuyobozi wese akwiye kuba afite harimo kwitekerereza ubwe ariko no gutekerereza abo afite mu nshingano.
- Dufite ubuyobozi bwiza bwubatse inzego ziturengera, ndetse bwongera kubanisha Abanyarwanda. Natwe nk'Intwararumuri tuzaruhuka ari uko buri wese ku giti cye abashije kugera ku byo abahanga bise **metacognition**. Aho bavuga ko gukura kwiza ugakora neza, ari ukugena umwanya wo kwisuzuma, kongera kureba ibikorwa n'imikorere yawe, ukareba ahakeneye kunozwa, ukahanoza.
- **Metacognition** ni ubushobozi bwo kubasha gusuzuma ibitekerezo byawe no gushungura ukamenya ibyo wiga n'icyo ubikoresha.
- Nta cyo twaba twifasha niba dukomeza kugira ibiganiro nk'ibi buri mwaka, ariko ntibigaragare mu bikorwa byacu, cyane cyane bigamije kurwanya abahakana n'abapfobya.
- Iyo witegereje abarwanya Ubuyobozi bw'igihugu cyacu, urugero ntuzumva bavuga isiganwa ry'amagare, inama zikomeye twakiriye cyangwa ngo wumve ahubatswe ibitaro bishya, inganda twubatse, ibikorwa remezo n'ibindi bikorwa byiza by'iterambere kandi byivugira. Uzumva gusa baraheze kuri baringa z'amoko.
- Nk'Abanyamuryango tuzi neza intambara twarwanye n'imbaraga byadutwaye, kugira ngo buri wese yiyumve nk'Umunyarwanda. **Tubuzwa n'iki koko kurwanya abo bahisemo gukomeza kwinangira?**

- Kuki tutamagana byeruye ibyo binyoma ngo twese tugire ishyaka ryo kurengera ibyo twagezeho? Bisa nk'aho twabihariye 'influencers' cyangwa se Minister Olivier, n'abandi bakorerabushake nka Minister Nelly n'abandi banyamuryango bake.
- Tuzi kandi ko ukunda igihugu cye bidasaba ko aba ari mu mwanya runaka, kuko twese ntawe udafite umwanya: **Buri wese ni Umunyarwanda!**
- Twakongeraho kuba turi Intwararumuri, iryo zina rikaduha gushyira umucyo ku byanduza igihugu!
- Twumva akenshi abasebya igihugu cyacu n'ubuyobozi kandi bakabivuga mu izina ry'Abanyarwanda cyangwa ubwoko runaka. Mwebwe nk'abayobozi ijwi ryanyu ryakumvikana kurushaho kuko muzi ukuri kwabyo.
- Niba tutemeranywa n'ibyo bavuga bitwaje ko barengera uburenganzira bwacu, guhitamo guceceka ntabwo bidufasha.
- Urugendo rwo gukira ibikomere twanyuzemo ntitukibeshye ko rwarangiriye muri Gacaca, cyangwa se ko rwarangirira mu gusangizanya ubuhamya bw'akaga abantu banyuzemo muri Jenoside.
- Ese ukuri kudakurikirwa cyangwa kutajyana no gukiza ibikomere kwaba ari ukuri koko? Gukira ibikomere bitajyanye no kuvuga ukuri nabyo ntibyaba ari ukuri kuzuye.

- Twabonye ubutabera bwunga, hashyizweho inzibutso zidufasha kwibuka abacu no kubika amateka, n'ibindi byadufashije guhagarika Jenoside no kwiyemeza ko itazongera kubaho ukundi, ariko mu muryango niho turerera, twigira kandi twigishiriza ababyiruka ko nta kiza cy'urwango n'amacakubiri, umunsi ku wundi tudacogora.
- Nk'Abanyamuryango ba Unity Club umurage tuzasiga ntuzabe gusa ko twarokotse Jenoside cyangwa twagize uruhare mu rugamba rwo kuyihagarika. Umurage wacu uzabe ko twubatse ubumwe butanyeganyezwa, n'u Rwanda ruzira kongera kuzima.

**Bavandimwe, Banyamuryango ba Unity Club,**

- Dufite umugisha wo kuba turi mu gisekuru cyagize uruhare mu kongera kubaka igihugu. Uwo ni umugisha ariko ni n'inshingano.
- Unity Club - Intwararumuri, yavomye ku isooko y'Ubunyarwanda! Imvugo twumvise kandi itarigeze ihinduka y'abitanze tukongera kubona igihugu!
- Umukoro dufite urasobanutse: kurinda ukuri kw'amateka yacu, gusigasira ubumwe bwacu, no gukomeza kubaka igihugu, tudategereje ko hari undi uzaza kudukorera ibyo twagombye kwikorera.
- U Rwanda twifuza turaruzi kandi n'abazarwubaka turahari. Tugume mu ngamba!
- **Murakoze - on est ensemble!**